**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kayonza, kuwa 27/09/2019**

**No……309………/07.05.04**

Eastern Province
For reception
Date 27 SEP 2019
Signature……

RECEPTION
Date: 30/9/19

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA KAYONZA**
**P.O.BOX 03 RWAMAGANA**
kayonzadistrict@minaloc.gov.rw

Kayonza District
Reception Mayor's Office
Date……27/9/2019
Signature……

**Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bwana Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye tariki ya 22/09/2019.

Mugire amahoro.

**MUKAMUYENZI Valentine**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka
  **KAYONZA**

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YO KUWA 22/09/2019

Inama Njyanama yo kuwa 22 Nzeri 2019 yatangiye saa yine n'iminota makumyabiri (10h20), ibera ku cyicaro cy'Akarere ka Kayonza mu cyumba kinini cy'inama, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Madame **MUKAMUYENZI Valentine**.

Inama yitabiriwe n'Abajyanama 19 kuri 26 bagize Inama Njyanama y'Akarere bangana na **73%** by'ubwitabire.

**Abajyanama batitabiriye inama n'impamvu:**

1. BIDERI John Bonds: Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama yahinduye imirimo itabangikanywa n'imirimo y'Inama Njyanama.
2. MURENZI Jean Claude: Umuyobozi w'Akarere yari mu mahugurwa, yabimenyesheje Umuyobozi w'Inama Njyanama nawe yamwemereye uruhushya;
3. MUTANGANA Eugene: Umuyobozi wa Komite Ngenzuzi, yagize impamvu z'akazi kandi yabimenyesheje Umuyobozi w'Inama Njyanama nawe yamwemereye uruhushya.
4. KAYITANA Fred: yagize impamvu z'akazi kandi yasabye uruhushya Umuyobozi w'Inama Njyanama nawe yamwemereye uruhushya.
5. KARAMA Joseph: Yagize impamvu z'akazi, asaba uruhushya Umuyobozi w'inama araruhabwa.
6. RUGIGANA J. Bosco: Yari yitabiriye indi nama, yasabye uruhushya Umuyobozi w'inama nawe yamwemereye uruhushya.
7. MUKAMUSONERA Dativa: yari mu butumwa bw'akazi hanze y'Igihugu, yabimenyesheje Umuyobozi w'Inama nawe yamwemereye urushya.

**Abandi bari batumiwe muri iyi nama**:

- Abagize inzego z'Umutekano mu Karere;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Kayonza;
- Abayobozi b'Amashami mu Karere.

Bamaze kuririmbwa indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama yahaye ikaze abitabiriye inama, maze abagezaho ingingo zari buganirweho arizo zikurikira:

1. Gusoma Inyandikomvugo y'Inama Isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 27/06/2019 no kuyemeza;
2. Kureba ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama yo kuwa 27/06/2019;
3. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere igihembwe cya mbere 2019/2020;
4. Kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari no gutanga amasoko 2019/2020;
5. Gusuzumira hamwe raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama na Komite Ngenzuzi;
6. Ibindi.

❖ **KWIGA INGINGO KU YINDI**

➢ **INGINGO YA MBERE: Gusoma Inyandikomvugo y'Inama Isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 27/06/2019 no kuyemeza**

**UMWANZURO WA 1**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku nyandikomvugo y'Inama Njyanama yo kuwa 27/06/2019 no kuyitangaho ubugororangingo, Abajyanama bari mu nama bayemeje ku bwiganze busesuye.

➢ **INGINGO YA KABIRI: Kureba ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama yo kuwa 27/06/2019**

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku bari mu nama uko imyanzuro yafatiwe mu nama y'Inama Njyanama yo kuwa 27/06/2019 yashyizwe mu bikorwa, Inama Njyanama ishima ibyamaze gukorwa, ariko ibasaba gukomeza gukurikirana ibisigaye; maze nyuma yo kungurana ibitekerezo ku buryo ibitarakozwe byakwihutishwa, Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 2**

Gutumiza mu nama abagize Komite Nyobozi, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'abakozi b'Akarere bafite mu nshingano ibijyanye n'ibidukikije no gutera amashyamba mu Nama Njyanama idasanzwe kuwa 20/10/2019, kugirango bazagaragaze gahunda n'ingamba zihari ku bijyanye no gutera ibiti n'impamvu bidakorwa nk'uko byari byarafashweho umwanzuro kandi Kayonza igifite ikibazo cy'ibiti bike by'imbuto, ibivangwa n'imyaka n'ibiterwa ku misozi byongera amashyamba.

- **INGINGO YA GATATU: Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere igihembwe cya mbere 2019/2020**

Abari mu nama bagejejweho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere uko imihigo y'Akarere yashyizwe mu bikorwa mu gihembwe cya mbere cyane cyane imihigo itarahindutse kuva mu ntangiro z'umwaka wa 2019/2020, ariko Inama Njyanama ntiyanyurwa n'ibisobanuro byatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa kuberako byagaragaraga nk'aho ntabyateguwe cyangwa nta byagezweho, maze nyuma yo kumva ibisobanuro by'Abagize Komite Nyobozi basabaga ko byazaganirwaho mu nama itaha byateguwe neza; Inama Njyanama yanenze iyo mikorere maze ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 3**

Ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere 2019/2020 izakomeza gusuzumirwa mu nama za Komisiyo zigize Inama Njyanama nk'uko bisanzwe kandi ikurikiranwe, maze nyuma y'uko izaba yasinywe, Komite Nyobozi ikazagaragaza mu Nama Njyanama idasanzwe yo kuwa 20 Ukwakira 2019, ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo igihembwe cya mbere, ingamba nshya zo kwihutisha imihigo yita ku mibereho Myiza y'Abaturage (Human Security Issues) n'indi mihigo yagiye yongerwamo ari mishya.



el· 𝒿𝓍

- **INGINGO YA KANE: Kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari no gutanga amasoko 2019/2020**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku bari mu nama ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari no gutanga amasoko umwaka wa 2019/2020, aho yagaragazaga ko Ingengo y'Imari yashyizwe mu bikorwa ku kigereranyo cya 56% n'aho amasoko agatangwa ku kigereranyo cya 90%; binyuranye cyane n'ibyagaragaye mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo; abari mu nama ntibanyurwa n'ibyo bagaragarijwe, basaba ko nabyo byategurwa bikazaganirwaho mu Nama Njyanama idasanzwe yo kuwa 20/10/2019.

- **INGINGO YA GATANU: Gusuzumira hamwe raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama na Komite Ngenzuzi**

Abayobozi b'Amakomisiyo agize Inama Njyanama bagejeje kubari mu nama ibyo za Komisiyo zakoze n'ibyo zizeho mu nama zitandukanye, buri Komisiyo isaba Inama Njyanama gushyigikira imwe mu myanzuro yayo, maze Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 4**

Inama Njyanama imaze kumva no gusuzuma isesengura ryakozwe na Komisiyo y'Imiyoborere Myiza n'Ubutabera ku busabe bwa Komite Nyobozi bwo kongeza abakozi b'Akarere amafaranga angana ni 10% ku mushahara fatizo, nk'uko byari byasuzumwe kandi bigashyigikirwa n'Inama y'Abaperezida yo kuwa 15/09/2019, hashingiwe ko abakozi b'Akarere bari bamaze igihe kingana n'imyaka igera ku icumi batongezwa, mu rwego rwo gutuma barushaho gutanga umusaruro mubyo bakora (motivation), Inama Njyanama yemeje ko Abakozi b'Akarere bazongezwa 10% ariko bikazatangira gukurikizwa ari uko urwego rushinzwe gusuzuma imyanzuro y'Inama Njyanama rwagaragaje ko rushyigikiye uwo mwanzuro.

Inama Njyanama imaze kumva ibyizweho muri Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry"imyanzuro y'Inama Njyanama irebana n'inkingi y'Imibereho

myiza no kubona ko itashyizwe mu bikorwa yose, nk'uko kandi byagiye bigaragara no mu yandi makomisiyo agize Inama Njyanama ku ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro y'Inama Njyanama kuva iyi manda yatangira muri 2016, maze Inama Njyanama ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 5**

Inama Njyanama yasabye Komite Ngenzuzi y'Inama Njyanama gukora igenzura ku ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro yafatiwe mu nama z'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza kuva 2016, raporo yabyo ikazaganirwaho mu nama y'Inama Njyanama itaha.

Nyuma yo kugezwaho na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu isesengura ryakozwe ku busabe bw'umushinga wo kubaka Kaminuza izigisha Theologia w'itorero rya Rwanda Lutheran Church, ubusabe bwa JALI HOLDINGS LTD bwo kugura imigabane Akarere gafite muri Gare ya Kayonza, Ikibazo cy'uruganda rwa SOYCO n'ikibazo cy'Ikibanza cyatanzwe n'icyahoze ari Komini Muhazi cyahaye Umucuruzi KAYOMBWA Robert kugeza n'ubu akaba ataracyubatse; Inama Njyanama ifata imyanzuro ikurikira:

**UMWANZURO WA 6**

Inama Njyanama yashyigikiye umushinga wo kubaka Kaminuza izigisha Iyobokamana n'ubutegetsi (Rwanda Lutheran Theological and Leadership College) ariko inama isanga amakuru yose Komisiyo y'Ubukungu yasabye mbere y'uko Inama Njyanama iterana, yafasha Inama Njyanama kwanzura kuri uwo mushinga atarabonetse, maze Inama Njyanama isaba Komite Nyobozi kuzagaragariza ubuyobozi bwa Rwanda Lutheran Theological and Leadership College bitarenze tariki 24/09/2019 ibikenewe byose kugirango umushinga wemezwe, maze bikazasuzumwa vuba mu nama ya Komisiyo y'Ubukungu y'Ukwezi k'Ukwakira no mu Nama Njyanama idasanzwe izaterana tariki 20/10/2019.

**UMWANZURO WA 7**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bwa JALI HOLDINGS Ltd yahoze yitwa ATRACO ikaza guhinduka RFTC ariko ubu ikaba isigaye yitwa JALI HOLDINGS; ishaka kugura imigabane

Akarere ka Kayonza gafite muri Gare ya Kayonza ingana na 20% nk'uko bigaragara muri MoU ifitanye n'Akarere, Hashingiwe kandi ku busabe bwa Komite Nyobozi y'Akarere ka Kayonza, nyuma yo gusuzuma icyifuzo cya JALI HOLDINGS, Inama Njyanama yemeje ko Akarere ka Kayonza kagurisha JALI HOLDINGS imigabane gafite muri Gare ya Kayonza ingana na 20% by'Agaciro ka Gare, ihwanye n'amafaranga ***Miliyoni ijana na mirongo itatu, ibihumbi Magana atatu na birindwi na Magana abiri mirongo inani (130,307,280frw),*** inama ariko asaba JALI HOLDINGS kuzavugurura Gare ya Kayonza no kuhashyira izindi nyubako zijyanye n'igishushanyo mbonera mu rwego rwo gukomeza guteza imbere Umujyi wa Kayonza.

Inama Njyanama yemeje ko ayo mafaranga namara kwakirwa kuri Konti y'Akarere, ku bufatanye na Kayonza Business Group, binyuze mu masezerano y'ubufatanye (MoU) n'Akarere, amafaranga avuye mu migabane Akarere kari gafite muri Gare ya Kayonza yashorwa mu mushinga mushya wo kubaka inzu y'Ubucuruzi ahahoze hakorera ibiro by'Akarere ka Kayonza.

**UMWANZURO WA 8**

Inama Njyanama imaze kumva ibisobanuro yagejejweho na Komisiyo y'Ubukungu ku busabe bw'uruganda rwa SOYCO rusaba Akarere kongera imigabane Akarere gafitemo cyangwa kuyivamo nyuma y'uko uruganda rwagiye rugaragaza ibihombo ariko ubu cyari gitangiye kuvamo, mu rwego rwo kuguma gukurikirana ibikorerwa muri ruriya ruganda ku nyungu z'Umuturage, nyuma yo kugisha inama muri RDB kandi bikagaragara ko bishoboka kubona undi mushoramari wakongera imigabane y'Akerere, Inama Njyanama yashyigikiye icyifuzo cya Komisiyo y'Ubukungu cyo kuba igumishije imigabane Akarere gafite mu ruganda rwa SOYCO.

**UMWANZURO WA 9**

Hashingiwe ku itegeko No Special ryo kuwa 16/06/2013 mu ngingo yaryo ya 39 ivuga ku "nshingano zo gukoresha neza ubutaka no kububyaza umusaruro", Inama Njyanama, ishingiye kandi kuri iri tegeko mu ngingo yaryo ya 41, agaka ka 4, rivuga ko "ubutaka bufatwa nk'ubudakoreshwa neza iyo ari ubutaka bugenewe inyubako cyangwa ibikorwa remezo ariko bukaba butubatswe mu gihe cyagenwe n'urwego rubifitiye ububasha".

Inama Njyanama ishingiye kuri iri tegeko kandi, mu ngingo yaryo ya 58 ivuga ko "ubutaka bushobora kwamburwa nyirabwo, cyane cyane mu gika cyaryo cya 3 kivuga ko "ubutaka buri mu mbago z'Umujyi aho igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza cyemejwe n'inzego bireba ariko bukaba bumaze imyaka irenze itatu (3) ikurikiranye budakoreshwa"; Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza none kuwa 22/09/2019 yemeje ko Bwana KAYOMBYA Robert yambuwe Ikibanza gifite UPI: 5/04/04/02/2622 yahawe n'icyahoze ari Komine Muhazi, giherereye mu Karere ka Kayonza, mu Murenge wa Mukarange, mu Kagari ka Kayonza, icyo kibanza kigasubira mu maboko ya Leta, ikazanagena imikoreshereze yacyo hashingiwe ku gishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kayonza.

Inama Njyanama kandi yemeje ko n'abandi bafite ubutaka bahawe na Leta bumaze igihe kirekire budakoreshwa nk'uko byavuzwe mu itegeko rigena imikoreshereze y'ubutaka No Special ryo kuwa 16/06/2013 ryavuzwe haruguru; bazakorerwe urutonde, hagaragazwa ubuso bw'ubutaka bahawe, icyo bwagenewe, igihe babuherewe n'aho buherereye bikazashyikirizwa Komisiyo y'Ubukungu y'Inama Njyanama nabyo ibisesengure izabishyikirize Inama Njyanama isanzwe yo mu gihembwe cya kabiri 2019/2020.

- **INGINGO YA GATANDATU: Ibindi**

Inama Njyanama yifuje ko hazabaho Inama Njyanama idasanzwe kugirango haganirwe ku Mihigo y'Akarere 2019/2020, gahunda yo kongera amashyamba no kubusabe by'itorero rya Lutheran Church kuwa 20/10/2019.

Inama yasoje saa munani n'iminota itatu (14h03), Umuyobozi wayo ashimira abitabiriye n'ibitekerezo buri wese yatanze.

**MUSABYEMARIYA Thérèse**

**Umwanditsi w'inama**

**MUKAMUYENZI Valentine**

**Umuyobozi w'inama**

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA KAYONZA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YO KUWA 22/09/2019**

| N0 | AMAZINA | UMURENGE YATOREWEMO | AHO ATUYE | ISAHA | GENDER | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | BIDERI John Bonds | MUKARANGE | KIGALI | | | |
| 2 | GACINYA Faustin | MURAMA | KIGALI | 9h00 | [illegible] | |
| 3 | GAKUMBA Geoffrey | RWINKWAVU | KIGALI | 9h00 | M | |
| 4 | GAKUMBA Robert | RWINKWAVU | KIGALI | 9h00' | M | |
| 5 | HAGENIMANA Emmanuel | RWINKWAVU | KIREHE | 9h00' | M | |
| 6 | HARERIMANA J Damascene | MWILI | MUKARANGE | 9h00' | M | |
| 7 | IRADUKUNDA Eugenie | MURUNDI | RUHANGO | 9h00' | F | |
| 8 | KANAMUGIRE Pascal | RUKARA | RUKARA | 9h00' | M | |
| 9 | KARAMA Joseph | KABARE | KABARE | | | |
| 10 | KAYITANA Fred | MURUNDI | BUGESERA | | | |
| 11 | MUKAKABANO Evelyne | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00' | F | |
| 12 | MUKAMUSONERA Dative | MUKARANGE | MUKARANGE | | | |
| 13 | MUKAMUSONI Angelique | GAHINI | GAHINI | 9h00 | F | |
| 14 | MUKAMUYENZI Valentine | NYAMIRAMA | MUKARANGE | 9h00 | F | |
| 15 | MUKANDAYISABYE Magreth | NDEGO | KIGALI | 9h00 | F | |
| 16 | MUKARUSAGARA Beata | RUKARA | RUKARA | 9h00' | F | |
| 17 | MUNGANYINKA Hope | KABARONDO | MUKARANGE | 9h00 | F | |
| 18 | MURENZI Jean Claude | GAHINI | MUKARANGE | | | |
| 19 | MUSABYEMARIYA Therese | RURAMIRA | KABARONDO | 9h00' | F | |
| 20 | MUSABYIMANA Anathalie | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | F | |
| 21 | MUTANGANA Eugene | NDEGO | KIGALI | | | |
| 22 | MWISENEZA Jean Claude | NYAMIRAMA | KIGALI | 9h00 | M | |
| 23 | MWISENEZA Safina | KABARE | KABARE | 9h00 | F | |
| 24 | NYANDWI Gilbert | RURAMIRA | GAHINI | 9h00 | M | |
| 25 | RUGIGANA Jean Bosco | KABARONDO | KABARONDO | | | |
| 26 | ZIGIRA Alphonse | MURUNDI | KIGALI | 5h00 | M | |